## Gusarura

Ibirayi byera hashize iminsi 100 kugeza ku 120 bitewe n'ubwoko bw'ibirayi.
Iyo ibirayi byeze amababi ahinduka umuhondo n'imigozi yabyo iragwa maze ikuma.

**Mbere yo gusarura banyomora ibirayi:**

*Babanza kurandura imigozi y'ibirayi bakandagiye ku butaka ku buryo nta kirayi kizamukana n'umugozi, ibirayi bikaguma mu butaka bikumuka, uruhu rwabyo rugakomera ku buryo iyo basaruye nka nyuma y 'ibyumweru 2 nta kirayi gishobora gukoboka mu buryo bworoshye.*



*Gusarura bikorwa humutse.*




*Irinde gukomeretsa ibirayi mu gihe usarura kandi ubimare mu murima*



*Vana ibirayi byose bifite inenge mu musaruro.*

❗Ibirayi bisigaye mu murima bishobora kuba indiri yihuse y'udukoko n'indwara mu ihinga rikurikiraho mu gihe imiterere y'ikirere itishe utwo dukoko.

## Guhunika



**Ibirayi bizavamo imbuto bihunikwa ahantu humutse hagera umucyo.**

- Ibirayi byo kurya bihunikwa ahantu humutse kandi hatagera umucyo.
- Ibirayi bihunitse bigomba gusurwa kenshi mu bubiko kugira ngo hakurwemo ibyaboze cyangwa ibindi byose bifite ubusembwa ubwo aribwo bwose.
- Ibirayi bihunikwa hakurikijwe ubwoko bw'ibirayi.